**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

# RAPORO Y'AMATORA Y'ABASENATERI YO MU MWAKA WA 2024

*Ukwakira 2024*

## IJAMBO RY’IBANZE

Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda mu ngingo zaryo iya Mbere, iya 2, iya 10 iya 80 n’iya 81 riteganya inkomoko y’ubutegetsi, itora, ubutegetsi bushingiye kuri demokarasi, abagize Sena na manda yabo;

Itegeko Ngenga n° 001/2019.OL ryo kuwa 29/07/2019 rigenga amatora nk’uko ryahinduwe mu ngingo zaryo iya 58 n’iya 101 *bis* rigena igihe itora ry’Abasenateri ribera;


Itegeko No43/2024 ryo ku wa 06/05/2024 rigenga Komisiyo y’Igihugu y’Amatora riha Komisiyo y’Igihugu y’Amatora inshingano yo gutegura no kuyobora amatora;

Ni muri urwo rwego, Komisiyo y’Igihugu y’Amatora yateguye, iyobora amatora y'Abasenateri ku buryo bukurikira:

- Tariki ya 16 Nzeri 2024, habaye amatora y’Abasenateri 12 batorwa hakurikijwe inzego z’imitegekere y’Igihugu;
- Tariki ya 17 Nzeri 2024, habaye amatora y’Umusenateri umwe utorwa muri kaminuza n’amashuri makuru bya Leta, n’Umusenateri umwe utorwa muri kaminuza n’amashuri makuru byigenga.

Ayo matora yitabiriwe ku kigero cya **96.9%** mu matora y’Abasenateri batorwa hakurikijwe inzego z’imitegekere y’Igihugu, **80.7%** mu matora y’Umusenateri utorwa muri kaminuza n’amashuri makuru bya Leta na **77.1%** mu matora y’Umusenateri utorwa muri kaminuza n’amashuri makuru byigenga.

Komisiyo y’Igihugu y’Amatora irashimira Abanyarwanda muri rusange, Abakorerabushake b’amatora, Inzego za Leta, abakandida n’abandi bafatanyabikorwa uruhare bagize mu myiteguro n’imigendekere myiza y'amatora.



Digitally signed by NEC(CHAIRPERSON)
Date: 2024.10.18 14:18:41 +02'00'

**GASINZIGWA Oda**
**Perezida wa Komisiyo y’Igihugu y’Amatora**

**ISHAKIRO**

**IJAMBO RY'IBANZE** .......... **2**

**IMBONERAHAMWE** .......... **4**

**1.INTANGIRIRO** .......... **6**

**2.IMYITEGURO RUSANGE Y'AMATORA** .......... **7**

2.1.GUTEGURA UMUSHINGA W'ITEKA RYA PEREZIDA N'AMABWIRIZA BIGENGA AMATORA .......... 7
2.2.GUTEGURA GAHUNDA Y'AMATORA NO KUYIMENYEKANISHA .......... 7
2.3.KUGENA NO GUSHAKA INGENGO Y'IMARI .......... 8
2.4.GUTEGURA NO GUSHAKA IBIKORESHO BY'AMATORA .......... 8
2.5.GUSHYIRAHO NO GUHUGURA ABAYOBOYE AMATORA .......... 9
2.6.GUTEGURA ILISITI Y'INTEKO ITORA .......... 9
2.7.KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'AMATORA .......... 10
2.7.1.AMAHUGURWA KU MATORA .......... 10
2.7.2.KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'AMATORA BINYUZE MU ITANGAZAMAKURU .......... 11
2.8.GUTUMIRA NO KWAKIRA INDOREREZI Z'AMATORA .......... 12
2.9.KWAKIRA, GUSUZUMA, KWEMEZA NO GUTANGAZA KANDIDATIRE .......... 12
2.10.KWIYAMAMAZA KW'ABAKANDIDA .......... 14
2.11.KUGENA, KUMENYEKANISHA NO GUTEGURA AHATORERWA .......... 14

**3.IMIGENDEKERE Y'AMATORA N'IBYAYAVUYEMO** .......... **15**

3.1.IMIGENDEKERE Y'AMATORA .......... 15
3.2.UBWITABIRE MU MATORA .......... 15
3.3.IBYAVUYE MU MATORA Y'ABASENATERI MU NTARA N'UMUJYI WA KIGALI .......... 15

**4.IBYARANZE AMATORA** .......... **18**

5.IBIKWIYE KUNOZWA .......... 18

**6.UMUSOZO** .......... **18**

## Ilisiti y'imbonerahamwe

*Imbonerahamwe ya 1: Gahunda y'amatora y'Abasenateri* ..... 5
*Imbonerahamwe ya 2: Ingengo y'Imari yakoreshejwe* ..... 6
*Imbonerahamwe ya 3: ibikoresho byakoreshejwe mu matora y'abasenateri* ..... 6
*Imbonerahamwe ya 4: Abakorerabushake bayoboye amatora* ..... 7
*Imbonerahamwe ya 5: Inteko zatoye Abasenateri* ..... 8
*Imbonerahamwe ya 6: Indorerezi zakurikiranye amatora y'Abasenateri* ..... 10
*Imbonerahamwe ya 7: Indorerezi mvamahanga* ..... 10
*Imbonerahamwe ya 8: Abakandida bemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga n'aho batorerwa* ..... 10
*Imbonerahamwe ya 9: Ubwitabire mu kwiyamamaza* ..... 12
*Imbonerahamwe ya 10: Ubwitabire mu matora y'Abasenateri* ..... 13
*Imbonerahamwe ya 11: ibyavuye mu matora y'Abasenateri 12 batorwa mu Ntara n'Umujyi wa Kigali* ..... 14
*Imbonerahamwe ya 12: ibyavuye mu matora y'Abasenateri batorwa muri Kaminuza n'Amashuri makuru* ..... 15
*Imbonerahamwe ya 13: Abasenateri 12 batorewe mu Ntara n'Umujyi wa Kigali, na 2 batowe muri kaminuza n'Amashuri Makuru* ..... 15

## 1. INTANGIRIRO

Hashingiwe ku Iteka rya Perezida n° 059/01 ryo ku wa 16/06/2024 rigena umunsi w'itora n'igihe cyo kwiyamamaza mu matora y'Abasenateri, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi iyobora amatora y'Abasenateri yabaye kuva tariki 16 kugera 17 Nzeri 2024.

Hatowe Abasenateri 14 barimo 12 batorwa hashingiwe ku Nzego z'imitegekere y'Igihugu, Umusenateri umwe utorwa muri kaminuza n'amashuri makuru bya Leta n'Umusenateri umwe utorwa muri kaminuza n'amashuri makuru byigenga.

Mu gutegura no kuyobora amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yibanze ku bikorwa by'ingenzi birimo kumenyekanisha gahunda y'amatora, gutegura umushinga w'iteka rya Perezida n'Amabwiriza bigenga amatora, gutegura ilisiti y'inteko itora no guhugura abayigize, gukangurira Abanyarwanda ibikorwa by'amatora, gushyiraho no guhugura abayobora amatora, gutumira no kwakira indorerezi z'amatora, gutegura no gukurikirana ibikorwa byo kwiyamamaza, kuyobora amatora nyirizina no gutangaza ibyayavuyemo.

Iyi raporo iragaragaza ibyaranze amatora muri rusange n'ingamba zafatwa mu kurushaho kunoza amatora ari imbere.

## 2. IMYITEGURO RUSANGE Y'AMATORA

### 2.1. Gutegura Umushinga w'Iteka rya Perezida n'Amabwiriza bigenga amatora

Mu gutegura no kuyobora amatora y'Abasenateri, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagize uruhare mu itegurwa ry'Iteka rya Perezida n° 059/01 ryo ku wa 16/06/2024 rigena umunsi w'itora n'igihe cyo kwiyamamaza mu matora y'Abasenateri;

Hateguwe kandi Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n°003/24 yo ku wa 26/07/2024 agenga itora ry'Abasenateri ryo mu mwaka wa 2024.

### 2.2. Gutegura gahunda y'amatora no kuyimenyekanisha

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye gahunda y'amatora, iganirwaho n'inzego bireba, iremezwa, iramenyekanishwa. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza Gahunda y'amatora y'Abasenateri.

**Imbonerahamwe ya 1: Gahunda y'amatora y'Abasenateri**

| Nº | IGIKORWA | AMATARIKI |
|---|---|---|
| 1. | Kwakira kandidatire ku Basenateri batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu n'Abasenateri batorwa muri kaminuza n'amashuri makuru | 30 Nyakanga – 11 Kanama 2024 |
| 2. | Kwakira indorerezi z'itora | 01 Kanama – 15 Nzeri 2024 |
| 3. | Gushyikiriza Urukiko rw'Ikirenga dosiye z'Abakandida | 12 Kanama 2024 |
| 4. | Urukiko rw'Ikirenga, gushyikiriza Komisiyo y'Igihugu y'Amatora Urutonde rw'Abakandida bemejwe n'abatemejwe | Bitarenze 17 Kanama 2024 |
| 5. | Gutangaza urutonde rw'Abakandida bemejwe | Bitarenze 18 Kanama 2024 |
| 6. | Kwiyamamaza kw'Abakandida | 26 Kanama – 14 Nzeri 2024 |
| 7. | Itora ry'Abasenateri 12 batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu | 16 Nzeri 2024 |
| 8. | Itora ry'Umusenateri umwe utorwa muri Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta | 17 Nzeri 2024 |
| 9. | Itora ry'Umusenateri umwe utorwa muri Kaminuza n'amashuri makuru byigenga | |
| 10. | Gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu matora | Bitarenze 22 Nzeri 2024 |
| 11. | Gutangaza burundu ibyavuye mu matora | Bitarenze 29 Nzeri 2024 |

### 2.3. Kugena no gushaka ingengo y'imari

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye inashaka ingengo y'imari yakoreshejwe mu matora y'Abasenateri. Iyo ngengo y'imari ingana na **233,062,569 FRW** yatanzwe na Leta y'u Rwanda.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ingengo y'imari yakoreshejwe.

**Imbonerahamwe ya 2: Ingengo y'Imari yakoreshejwe**

| Ibikorwa | Ingano y'amafaranga |
|---|---|
| Gucapa no Gutubura Impapuro z'Itora | 26,475,660 |
| Umushahara w'Abakozi n'Abakomiseri | 107,587,698 |
| Amahugurwa y'abayoboye amatora | 10,640,000 |
| Kumenyekanisha ibikorwa by'amatora | 15,380,000 |
| Agahimbazamusyi k'Abakorerabushake bayoboye amatora | 2,870,000 |
| Gukurikirana kwiyamamaza no kuyobora amatora | 70,109,211 |
| **IGITERANYO** | **233,062,569** |

### 2.4. Gutegura no gushaka ibikoresho by'amatora

Ibikoresho byakoreshejwe mu matora y'Abasenateri ni ibyari bisanzwe mu bubiko bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora uretse Impapuro z'itora zakoreshejwe. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ibikoresho byakoreshejwe.

**Imbonerahamwe ya 3: ibikoresho byakoreshejwe mu matora y'abasenateri**

| N^O | Amazina y'ibikoresho | Ibyakoreshejwe |
|---|---|---|
| 1 | Amasanduku y'itora | 49 |
| 2 | Imifuniko y'amasanduku | 49 |
| 3 | Imigozi | 441 |
| 4 | Calculators | 17 |
| 5 | Imakasi | 49 |
| 6 | Agrafeuses | 4 |
| 7 | Markers | 100 |
| 8 | Flip charts | 43 |
| 9 | Amakaramu | 118 |
| 10 | Tampon spécial | 34 |
| 11 | Impapuro z'itora zakoreshejwe mu matora | 5,056 |
| 12 | Agraffes | 1 box |
| 13 | Enveloppes A4 | 49 |
| 14 | Enveloppes A3 | 10 |
| 15 | Lates | 4 |
| 16 | Scotches | 49 |
| 17 | Ilisiti y'itora | 49 |


### 2.5. Gushyiraho no guhugura Abayoboye amatora

Hashingiwe ku mubare w'ibyumba by'itora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizeho abakorerabushake **184** bafashije kuyobora amatora mu byiciro byose. Abo bakorebushake bahuguwe ku mategeko n'amabwiriza bigenga amatora, inshingano n' imyitwarire yabo.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana imibare y'abakorerabushake bayoboye amatora.

**Imbonerahamwe ya 4: Abakorerabushake bayoboye amatora**

| INTARA N'UMUJYI WA KIGALI | ABAYOBOYE AMATORA | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | **Bose** | **Gore** | **%** | **Gabo** | **%** |
| Amajyaruguru | **25** | 12 | 48 | 13 | 52 |
| Amajyepfo | **40** | 13 | 32.5 | 27 | 67.5 |
| Iburasirazuba | **65** | 27 | 41.5 | 38 | 58.5 |
| Iburengerazuba | **35** | 14 | 40 | 21 | 60 |
| Umujyi wa Kigali | **19** | 10 | 52.6 | 9 | 47.4 |
| **IGITERANYO** | **184** | **76** | **41.3** | **108** | **58.7** |




### 2.6. Gutegura Ilisiti y'Inteko itora

Hateguwe ilisiti y'inteko itora Abasenateri 12 batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu, igizwe n'abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge n'abagize Inama Njyanama z'Uturere bigize buri Ntara. Mu mujyi wa Kigali, inteko itora igizwe n'abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge igize Umujyi wa Kigali n'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

Muri kaminuza n'amashuri makuru bya Leta n'ibyigenga, inteko itora igizwe n'Abarimu n'Abashakashatsi bo muri ibyo bigo.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza umubare w'abagize inteko itora.

**Imbonerahamwe ya  5: Inteko zatoye Abasenateri**

| AHO BATORERWA | ABARI KU ILISITI ITORA | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | BOSE | GORE | (%) | GABO | (%) |
| **Abasenateri batorwa mu Ntara n'Umujyi wa Kigali** | **1,713** | **752** | **43.9** | **961** | **56.1** |
| Amajyaruguru | 349 | 136 | 39.0 | 213 | 61.0 |
| Amajyepfo | 439 | 173 | 39.4 | 266 | 60.6 |
| Iburasirazuba | 403 | 233 | 57.8 | 170 | 42.2 |
| Iburengerazuba | 405 | 163 | 40.3 | 242 | 59.7 |
| Umujyi wa Kigali | 117 | 47 | 40.2 | 70 | 59.8 |
| **Abasenateri batorwa muri kaminuza n'amashuri makuru** | **2,720** | **907** | **33.4** | **1,813** | **66.6** |
| Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta | 1808 | 585 | 32.4 | 1223 | 67.6 |
| Kaminuza n'amashuri makuru byigenga | 912 | 322 | 35.3 | 590 | 64.7 |
| **Igiteranyo rusange** | **4,433** | **1,659** | **37.4** | **2,774** | **62.6** |

### 2.7. Kumenyekanisha ibikorwa by'amatora

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yamenyekanishije ibikorwa by'amatora binyuze mu mahugurwa, itangazamakuru n'ubundi buryo butandukanye.

#### 2.7.1. Amahugurwa ku matora

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yahuguye ibyiciro bitandukanye harimo abagize inteko itora, Abakandida, Abanyamakuru n'Indorerezi z'amatora.



***Abakandida Senateri  bahugurwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku mategeko n'amabwiriza  bigenga amatora***




*Amahugurwa y'Indorerezi z'amatora ku mabwiriza agenga amatora  n'amahame rusange azigenga*

### 2.7.2. Kumenyekanisha ibikorwa by'amatora binyuze mu itangazamakuru

Mu rwego rwo kumenyekanisha ibikorwa by'amatora, hakoreshejwe uburyo bukurikira:

- Ikiganiro "**Inzira ya demokarasi"** gitambuka kuri Radio Rwanda buri cyumweru;
- Ibiganiro ku ma radio na Televiziyo bitandukanye;
- Ubutumwa n'amatangazo mu bitangazamakuru byandika;
- Ubutumwa bwanditse ahantu hatandukanye (Banners);
- Ubutumwa n'amatangazo ku mbuga nkoranyambaga na murandasi.
- Ibiganiro n'abanyamakuru




*Ikiganiro n'itangazamakuru ku matora y'Abasenateri*

### 2.8. Gutumira no kwakira Indorerezi z'amatora

Mu matora y'Abasenateri yo mu mwaka wa 2024, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakiriye indorerezi zigera ku **163** zirimo indorerezi zo mu Gihugu (*Domestic observers*) **159** n'indorerezi mvamahanga (*international observers*) **4.** Umubare w' Indorerezi n'inzego zaturutsemo bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 6: Indorerezi zakurikiranye amatora y'Abasenateri**

| N° | UMURYANGO/IKIGO | UMUBARE W'INDOREREZI | GABO | % | GORE | % |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Rwanda Governance Board | 20 | 15 | 75 | 5 | 25 |
| 2. | National Commission for Human Rights | 35 | 18 | 51.4 | 17 | 48.6 |
| 3. | National Consultative Forum of Political Organizations | 62 | 32 | 51.6 | 30 | 48.4 |
| 4. | Center for Peace, Democratic Governance and Development | 42 | 18 | 42.9 | 24 | 57.1 |
| **ZOSE HAMWE** | | **159** | **83** | **52.2** | **76** | **47.8** |

**Imbonerahamwe ya 7: Indorerezi mvamahanga**


| N° | UMURYANGO/IKIGO | UMUBARE W'INDOREREZI | GABO | % | GORE | % |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Embassy of Zimbabwe in Rwanda | 3 | 2 | 66.7 | 1 | 33.3 |
| 2. | Sudan Embassy | 1 | 1 | 100 | 0 | 0 |
| | **ZOSE HAMWE** | **4** | **3** | **75** | **1** | **25** |

### 2.9. Kwakira, gusuzuma, kwemeza no gutangaza kandidatire

Kuva ku itariki ya 30 Nyakanga kugeza ku itariki ya 11/08/2024, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakiriye dosiye z'abakandida Senateri **41** zirimo iz'abagore **14** bangana na **44%**, izishyikiriza Urukiko rw'Ikirenga ku itariki ya 12/08/2024 kugira ngo rwemeze izujuje ibisabwa. Uko kandidatire zemejwe bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 8: Abakandida bemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga n'aho batorerwa**

| Aho batorerwa | Imyanya itorerwa | Kandidatire zakiriwe | Kandidatire zemejwe | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | Bose | Gabo | % | Gore | % |
| **Intara n'Umujyi wa Kigali** | **12** | **34** | **28** | **16** | **57.1** | **12** | **42.9** |
| Amajyaruguru | 2 | 3 | **3** | 2 | 66.6 | 1 | 33.3 |
| Amajyepfo | 3 | 8 | **7** | 3 | 43.0 | 4 | 57.0 |
| Iburasirazuba | 3 | 6 | **5** | 3 | 60.0 | 2 | 40.0 |
| Iburengerazuba | 3 | 10 | **9** | 6 | 67.0 | 3 | 33.0 |
| Umujyi wa Kigali | 1 | 7 | **4** | 2 | 50.0 | 2 | 50.0 |
| **Kaminuza n'Amashuri makuru** | **2** | **7** | **4** | **2** | **50.0** | **2** | **50** |
| Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta | 1 | 4 | **3** | 2 | 67.0 | 1 | 33.0 |
| Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga | 1 | 3 | **1** | 0 | 0 | 1 | 100 |
| **IGITERANYO RUSANGE** | **14** | **41** | **32** | **18** | **56.2** | **14** | **43.8** |


ABAKANDIDA BEMEJWE N'URUKIKO RW'IKIRENGA
10
9
8
7
6
5
4
3
2
1
0
Amajyaruguru
Amajyepfo
Iburasirazuba
Iburengerazuba
Umujyi wa Kigali
Amashuri makuru ya Leta
Amashuri makuru yigenga
Bose
Gabo
Gore

### 2.10. Kwiyamamaza kw'Abakandida

Kwiyamamaza byakozwe kuva tariki ya 26 Kanama kugeza ku ya 14 Nzeri 2024. Ku bufatanye n'Abakandida bemejwe, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagennye ahagombaga kwiyamamarizwa muri buri Karere ku Basenateri batorerwa mu Ntara n'Umujyi wa Kigali no muri Kaminuza n'amashuri makuru ku Basenateri batorerwa muri icyo cyiciro.

Muri rusange igikorwa cyo kwiyamamaza cyagenze neza. Abakandida biyamamaje bakurikiza ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza bigenga amatora.

Gahunda n'aho ibikorwa byo kwiyamamaza byabereye bigaragara ku mugereka wa mbere w'iyi raporo.

Imbonerahamwe ikurikira igararagaza Ubwitabire mu gikorwa cyo kwiyamamaza

**Imbonerahamwe ya 9: Ubwitabire mu kwiyamamaza**

| IBYICIRO | ABAGOMBAGA KWITABIRA | | | | | ABITABIRIYE | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | % | Gore | % | Bose | Gabo | % | Gore | % | Bose | % |
| **INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU** | | | | | | | | | | | |
| AMAJYARUGURU | 213 | 61.03 | 136 | 38.97 | 349 | 206 | 60.95 | 132 | 39.05 | 338 | 96.8 |
| AMAJYEPFO | 266 | 60.1 | 173 | 39.9 | 439 | 256 | 60.0 | 172 | 40.0 | 428 | 98.5 |
| IBURASIRAZUBA | 235 | 58.3 | 168 | 41.7 | 403 | 231 | 58.3 | 165 | 41.7 | 396 | 98.3 |
| IBURENGERAZUBA | 242 | 59.7 | 163 | 40.3 | 405 | 232 | 60.4 | 152 | 39.6 | 384 | 94.8 |
| UMUJYI WA KIGALI | 70 | 59.8 | 47 | 40.2 | 117 | 69 | 60 | 46 | 40 | 115 | 98.3 |
| **IGITERANYO** | **1026** | **59.90** | **687** | **40.10** | **1713** | **994** | **59.9** | **621** | **40.1** | **1660** | **96.9** |
| **KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU** | | | | | | | | | | | |
| KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU BYA LETA | 1219 | 67.6 | 584 | 32.4 | 1802 | 676 | 69.1 | 283 | 28.9 | 979 | 80.3 |
| KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU BYIGENGA | 559 | 61.8 | 345 | 38.2 | 904 | 392 | 63.1 | 226 | 36.9 | 621 | 68.7 |
| **IGITERANYO** | 1778 | **65.7** | 929 | **34.3** | **2706** | 1068 | **66.7** | 509 | **31.8** | **1600** | **59.1** |

### 2.11. Kugena, kumenyekanisha no gutegura ahatorerwa

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagennye kandi itegura ibiro by'itora **28** bingana n'umubare w'Uturere mu matora y'Abasenateri **12** batorerwa mu Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Mu rwego rwo korohereza abagize Inteko itora begerezwa ahatorerwa, hashyizweho ibiro by'itora **11** muri Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'ibiro **11** muri Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga.

Ibiro by'itora byamenyeshejwe abo bireba bose ku gihe kandi bitegurwa ku bufatanye n'abakorerabushake b'amatora, Ubuyobozi bw'Uturere n'ubwa Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta n'ibyigenga. Ibiro by'itora byabereyeho amatora bigaragara ku mugereka wa 2 w'iyi raporo.

# 3. IMIGENDEKERE Y'AMATORA N'IBYAYAVUYEMO

## 3.1. Imigendekere y'amatora

Nk'uko biteganywa n'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, amatora yatangiye saa saa tatu za mu gitondo (09:00 am) asozwa saa saba z'amanywa (01:00 pm) kuri site zose zabereyeho amatora.

Muri rusange amatora yakozwe mu ituze, mu mucyo no mu bwisanzure hubahirizwa ibiteganywa n'Amategeko n'Amabwiriza bigenga amatora.

## 3.2. Ubwitabire mu matora

Amatora y'Abasenateri yitabiriwe ku kigero kingana na 86.1% muri rusange, 96.9% ku Basenateri batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu, 80.7% muri Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta na 77.1% muri Kaminuza n'amashuri makuru byigenga. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ubwitabire mu matora y'Abasenateri.

**Imbonerahamwe ya 10: Ubwitabire mu matora y'Abasenateri**

| AHO BATOREYE | INTEKO ITORA | ABATOYE | |
|---|---|---|---|
| | | BOSE | % |
| AMAJYARUGURU | 349 | 338 | 96.8 |
| AMAJYEPFO | 439 | 428 | 97.5 |
| IBURASIRAZUBA | 403 | 396 | 98.3 |
| IBURENGERAZUBA | 405 | 384 | 94.8 |
| UMUJYI WA KIGALI | 117 | 115 | 98.3 |
| **IGITERANYO** | **1,713** | **1,660** | **96.9** |
| KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU BYA LETA | 1895 | 1529 | 80.7 |
| KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU BYIGENGA | 912 | 703 | 77.1 |
| **IGITERANYO** | **2,807** | **2,232** | **79.5** |




*Bamwe mu bagize inteko itora bitabiriye amatora*

## 3.3. Ibyavuye mu matora y'abasenateri mu ntara n'umujyi wa kigali

Tariki ya 16 Nzeri 2024 hakozwe amatora y'Abasenateri batorwa hakurikijwe Inzego z'Imitegekere y'Igihugu, tariki ya 17 Nzeri 2024 hakorwa amatora y'Abasenateri batorwa muri Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta n'Ibyigenga.

Ibyavuye mu matora byatangajwe by'agateganyo ku munsi w'amatora nyirizina, gutangaza burundu ibyayavuyemo byakozwe tariki ya 20 Nzeri 2024. Imbonerahamwe zikurikira ziragaragaza ibyavuye mu matora.

**Imbonerahamwe ya 11: ibyavuye mu matora y'Abasenateri 12 batorwa mu Ntara n'Umujyi wa Kigali**

| Intara/Umujyi wa Kigali | Abagomba Gutora | Abatoye | Ijanisha | Abatoye Neza | Ijanisha | Imfabusa | Amazina y'Abakandida | Amajwi | Ijanisha |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Amajyaruguru** | 349 | 338 | 96.84 | 337 | 99.70 | 1 | **NYINAWAMWIZA Laetitia** | **246** | **73.00** |
| | | | | | | | GATERA Jean d'Amour | 161 | 47.77 |
| | | | | | | | **RUGIRA Amandin** | **211** | **62.61** |
| **Amajyepfo** | 438 | 428 | 97.71 | 426 | 99.53 | 2 | **UWERA Pelagie** | **268** | **62.91** |
| | | | | | | | NKURUNZIZA Innocent | 123 | 28.87 |
| | | | | | | | IYAKAREMYE Innocent | 71 | 16.67 |
| | | | | | | | UMUTANGANA Aimée Jacqueline | 74 | 17.37 |
| | | | | | | | **UMUHIRE Adrie** | **300** | **70.42** |
| | | | | | | | **CYITATIRE Sosthène** | **263** | **61.74** |
| | | | | | | | MUKAMANA Elisabeth | 139 | 32.63 |
| **Iburasirazuba** | 403 | 396 | 98.26 | 394 | 99.49 | 2 | **BIDERI John Bonds** | **317** | **80.46** |
| | | | | | | | NAMBAJE Aphrodise | 144 | 36.55 |
| | | | | | | | URUJENI Angeline | 97 | 24.62 |
| | | | | | | | **NSENGIYUMVA Fulgence** | **270** | **68.53** |
| | | | | | | | **MUKABARAMBA Alvera** | **301** | **76.40** |
| **Iburengerazuba** | 405 | 384 | 94.81 | 383 | 99.74 | 1 | **HAVUGIMANA Emmanuel** | **266** | **69.45** |
| | | | | | | | KABAHIZI Celestin | 49 | 12.79 |
| | | | | | | | NYAMINANI Boniface | 59 | 15.40 |
| | | | | | | | MPORANYI Theobard | 43 | 11.22 |
| | | | | | | | HITIMANA Sylvestre | 19 | 4.96 |
| | | | | | | | NYIRABAHIRE Speciose | 77 | 20.10 |
| | | | | | | | **MURESHYANKWANO Marie Rose** | **286** | **74.67** |
| | | | | | | | **NIYOMUGABO Cyprien** | **260** | **67.88** |
| | | | | | | | NZABAMWITA Bernadette | 51 | 13.31 |
| **Umujyi wa Kigali** | 117 | 115 | 98.29 | 114 | 99.13 | 1 | KATUSIIME Hellen | 13 | 11.40 |
| | | | | | | | MFURANKUNDA Pravda | 28 | 24.56 |
| | | | | | | | NKUBITO Edi-Jones | 10 | 8.77 |
| | | | | | | | **NYIRASAFARI Esperence** | **63** | **55.26** |

**Imbonerahamwe ya 12: ibyavuye mu matora y'Abasenateri batorwa muri Kaminuza n'Amashuri makuru**

| Abagombaga gutora | Abatoye | Ijanisha | Abatoye Neza | Ijanisha | Imfabusa | Amazina y'Abakandida | Amajwi | Ijanisha |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Kaminuza n'amashuri makuri bya Leta** | | | | | | | | |
| 1,807 | 1,489 | 82.40 | 1,472 | 98.86 | 17 | KAGWESAGE Anne Marie | 462 | 31.39 |
| | | | | | | **NGARAMBE Telesphore** | **808** | **54.89** |
| | | | | | | NTAKIRUTIMANA Evariste | 202 | 13.72 |
| **Kaminuza n'amashuri makuru byigenga** | | | | | | | | |
| 912 | 703 | 77.08 | 690 | 98.15 | 13 | **UWIMBABAZI Penine** | **674** | **97.68** |

**Imbonerahamwe ya 13: Abasenateri 12 batorewe mu Ntara n'Umujyi wa Kigali, na 2 batowe muri kaminuza n'Amashuri Makuru**

| Intara/Umujyi wa Kigali | Amazina y'abatowe | Igitsina | Amajwi | Ijanisha (%) |
|---|---|---|---|---|
| Amajyaruguru | NYINAWAMWIZA Laetitia | Gore | 246 | 73.0 |
| | RUGIRA Amandin | Gabo | 211 | 62.6 |
| Amajyepfo | UMUHIRE Adrie | Gore | 300 | 70.42 |
| | UWERA Pelagie | Gore | 268 | 62.91 |
| | CYITATIRE Sosthene | Gabo | 263 | 61.74 |
| Iburasirazuba | BIDERI John Bonds | Gabo | 317 | 80.46 |
| | MUKABARAMBA Alvera | Gore | 301 | 76.40 |
| | NSENGIYUMVA Fulgence | Gabo | 270 | 68.53 |
| Iburengerazuba | MURESHYANKWANO Marie Rose | Gore | 286 | 74.67 |
| | HAVUGIMANA Emmanuel | Gabo | 266 | 69.45 |
| | NIYOMUGABO Cyprien | Gabo | 260 | 67.88 |
| Umujyi wa Kigali | NYIRASAFARI Esperance | Gore | 63 | 55.26 |
| Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta | NGARAMBE Telesphore | Gabo | 808 | 54.89 |
| Kaminuza n'Amashuri Makuru Byigenga | UWIMBABAZI Penine | Gore | 674 | 97.68 |

## 4. IBYARANZE AMATORA

- Ubufatanye hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'Inzego z'Ibanze, Kaminuza n'amashuri makuru mu bikorwa by'amatora;
- Amatora yakozwe mu ituze, mu mucyo no mu bwisanzure;
- Ibyavuye mu matora byarihutishijwe mu guhuzwa no gutangazwa;
- Ibyavuye mu matora byakiriwe neza n'abanyarwanda muri rusange n'Abakandida by'umwihariko.

## 5. IBIKWIYE KUNOZWA

- Kongera inyigisho z'uburere mboneragihugu n'ubukangurambaga ku mikorere ya Sena n'uburyo Abasenateri batorwa;
- Kurushaho kunoza itegurwa ry'ilisiti y'itora muri kaminuza n'amashuri makuru.

## 6. UMUSOZO

Muri rusange, amatora y'Abasenateri yagenze neza bitewe n'uruhare rw'Inzego zitandukanye mu myiteguro ndetse no mu matora nyirizina.

By'umwihariko, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira Leta y'u Rwanda ku ngengo y'imari yayigeneye. Irashimira kandi Abakandida, itangazamakuru, Abakorerabushake b'amatora, Inzego z'umutekano, Inzego z'Ibanze, kaminuza n'amashuri makuru uruhare rwabo mu migendekere myiza y'amatora.

### Umugere ka wa mbere:

**Sites z'aho Abakandida Senateri biyamamarije imbere y'abagize inteko itora**

| INTARA | AKARERE | ITARIKI | ISAHA | AHO BAZIYAMAMA-RIZA |
|---|---|---|---|---|
| AMAJYEPFO | NYAMAGABE | 27/08/2024 | 10h00' | Salle y'Umurenge wa Gasaka |
| | NYARUGURU | 28/08/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | GISAGARA | 29/08/2024 | 10h00' | Salle ya Yego Center |
| | HUYE | 30/08/2024 | 10h00' | Salle ya PIASS/ Huye Campus |
| | NYANZA | 03/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | RUHANGO | 04/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | MUHANGA | 11/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | KAMONYI | 13/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| IBURENGERAZUBA | RUSIZI | 27/08/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | NYAMASHEKE | 28/08/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | KARONGI | 04/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | RUTSIRO | 05/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | NGORORERO | 11/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | NYABIHU | 12/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | RUBAVU | 13/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| IBURASIRAZUBA | BUGESERA | 27/08/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere ka Bugesera |
| | NYAGATARE | 29/08/2024 | 10h00' | Salle ya UR Nyagatare Campus |
| | GATSIBO | 30/08/2024 | 10h00' | Salle ya Eastgate Hotel-Gatsibo |
| | KIREHE | 03/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere ka Kirehe |
| | NGOMA | 04/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere ka Ngoma |
| | KAYONZA | 12/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere ka Kayonza |
| | RWAMAGANA | 13/09/2024 | 10h00' | Salle y'Intara y'Ibura-sirazuba |
| AMAJYARUGURU | BURERA | 27/08/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | MUSANZE | 28/08/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | GAKENKE | 05/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | RULINDO | 06/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | GICUMBI | 13/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| UMUJYI WA KIGALI | GASABO | 27/08/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | NYARUGENGE | 03/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | KICUKIRO | 13/09/2024 | 10h00' | Salle y'Akarere |
| | | | | |
| **KWIYAMAMAZA MU MASHURI MAKURU YA LETA** | | | | |
| **INTARA** | **Site** | **Igihe** | **Isaaha** | **Abazahahurira** |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Amajyepfo | UR Huye | 05/09/2024 | 14h00 | UR HUYE, IPRC HUYE, ILPD, IPRC KITABI |
| Iburengerazuba | IPRC Karongi | 06/09/2024 | 14h00 | IPRC RUSIZI, IPRC KARONGI |
| Iburasirazuba | UR Nyagatare | 09/09/2024 | 10h00 | UR NYAGATARE |
| | UR RUKARA | 10/09/2024 | 15h00 | UR RUKARA, UR RWAMAGANA, IPRC GISHARI, IPRC NGOMA |
| Amajyaruguru | IPRC MUSANZE | 11/09/2024 | 14h00 | CAVM, IPRC MUSANZE, IPRC TUMBA |
| Umujyi wa Kigali | UR NYARUGENGE | 13/09/2024 | 14h00 | UR NYARUGENGE, UR GIKONDO, UR REMERA, IPRC KIGALI |
| | | | | |
| **KWIYAMAMAZA MU MASHURI MAKURU YIGENGA** | | | | |
| **INTARA** | **Site** | **Igihe** | | **Abazahahurira** |
| Amajyepfo | PIASS | 09/09/2024 | 10h00 | PIASS HUYE, CUR, |
| | UNILAK | 09/09/2024 | 15h00 | UNILAK, HANIKA, GITWE, RTUC |
| | ICK | 11/09/2024 | 14h00 | ICK |
| Iburasirazuba | UNILAK | 28/08/2024 | 15h00 | UNILAK |
| | EAUR | 28/08/2024 | 15h00 | EAUR, |
| Iburengerazuba | KP-Nyamasheke | 29/08/2024 | 15h00 | KP-Nyamasheke, KP-Rusizi, PIASS_Karongi, AUCA |
| | ULK Rubavu | 30/08/2024 | 10h00 | ULK Rubavu, UTB |
| Amajyaruguru | INES RUHENGERI | 10/09/2024 | 10h00 | Uok Musanze, INES RUHENGERI, UGHE, MUHABURA Polytecnique, |
| | IPB BYUMBA | 12/09/2024 | 14h00 | IPB BYUMBA |
| Umujyi wa Kigali | ULK Kigali | 13/09/2024 | 14h00 | All Private Institutions of High learning in Kigali, RICA, RHIH |

### Umugereka wa 2:

**Site zabereyeho amatora y'AbasenateriUmugereka wa 2:**

| INTARA/UMUJYI WA KIGALI | AKARERE | AHO ITORA RIZABERA |
|---|---|---|
| **AMAJYEPFO** | GISAGARA | Icyumba cy'inama cya YEGO Center |
| | HUYE | Stade ya Huye |
| | KAMONYI | Salle y'Akarere |
| | MUHANGA<br>RUHANGO | Salle y'Akarere<br>Salle y'Akarere |
| | NYAMAGABE | Salle y'Umurenge wa Gasaka |
| | NYANZA | Salle y'Akarere |
| | NYARUGURU | Salle y'Akarere |
| **IBURENGERAZUBA** | RUSIZI | Salle y'Akarere |
| | NYAMASHEKE | Salle y'Akarere |
| | KARONGI | Salle y'Akarere |
| | RUTSIRO | Salle y'Akarere |
| | NGORORERO | Salle y'Akarere |
| | NYABIHU | Salle y'Akarere |
| | RUBAVU | Salle y'Akarere |
| **IBURASIRAZUBA** | BUGESERA | Salle y'Akarere |
| | NYAGATARE | Salle ya UR Nyagatare |
| | GATSIBO | Salle y'Umurenge wa Kabarore |
| | KIREHE | Salle y'Akarere |
| | NGOMA | Salle y'Akarere |
| | KAYONZA | Salle y'Akarere |
| | RWAMAGANA | Salle y'Intara |
| **AMAJYARUGURU** | BURERA | Salle y'Akarere |
| | MUSANZE | Salle y'Akarere |
| | GAKENKE | Salle y'Akarere |
| | RULINDO | Salle y'Akarere |
| | GICUMBI | Salle y'Akarere |
| **UMUJYI WA KIGALI** | GASABO | Salle y'Umujyi |
| | NYARUGENGE | |
| | KICUKIRO | |

**KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU BYIGENGA**

| INTARA | SITE | AMASHURI AZAHATORERA |
|---|---|---|
| **AMAJYEPFO** | PIASS Huye Campus | PIASS, CUR |
| | INILAK Nyanza Campus | INILAK Nyanza Campus, HAIP/Hanika, ISPG/Gitwe |
| | ICK Kabgayi | ICK |
| **IBURASIRAZUBA** | EAUR | EAUR |
| | UNILAK Rwamagana | UNILAK Rwamagana |
| **IBURENGERAZUBA** | Kibogora Polytechnic Nyamasheke | Kibogora Polytechnic |
| | PIASS Karongi | PIASS_Karongi, AUCA |
| | ULK Rubavu | ULK Rubavu, UTB Rubavu |

| | | |
|---|---|---|
| **AMAJYARUGURU** | INES RUHENGERI | UoK Musanze, INES Ruhengeri, UGHE, Muhabura Polytecnique, |
| | IPB BYUMBA | IPB Byumba |
| **UMUJYI WA KIGALI** | Salle y'Umujyi wa Kigali | All Private Institutions of Higher Learning in Kigali: ULK, UoK, AUCA, UTB, MKU-R, CMUA, EAUR, AIMS-Rwanda, ALU, COSECSA, VATEL School, ACT, EACC, KEPLER, SJISTC, ULK-UPI, AFSU, and RICA, RHIH |

**KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU BYA LETA**

| INTARA | SITE | AMASHURI AZAHATORERA |
|---|---|---|
| **AMAJYEPFO** | UR Huye | UR HUYE, IPRC HUYE, ILPD |
| | IPRC KITABI | IPRC KITABI |
| **IBURENGERAZUBA** | IPRC RUSIZI | IPRC RUSIZI |
| | IPRC KARONGI | IPRC KARONGI |
| **IBURASIRAZUBA** | UR NYAGATARE | UR NYAGATARE |
| | IPRC NGOMA | IPRC NGOMA |
| | UR RWAMAGANA | IPRC GISHARI, UR RWAMAGANA |
| | UR RUKARA | UR RUKARA |
| **AMAJYARUGURU** | IPRC MUSANZE | UR BUSOGO, IPRC MUSANZE, IPRC TUMBA |
| **UMUJYI WA KIGALI** | UR REMERA | UR REMERA, IPRC KIGALI |
| | UR NYARUGENGE | UR NYARUGENGE, UR GIKONDO |